Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Kamonyi

# "ABESAMIHIGO NEWSLETTER"

# IBIKORWA BY'INGENZI BYARANZE AKARERE KA KAMONYI

## GASHYANTARE 2026




## IBIRIMO


- MU ISHURI ESB KAMONYI HIZIHIRIJWE UMUNSI W'UMUCO MU MASHURI (Page:22)
- RUNDA: NGAMBA: ACP Desire TWIZERE YITABIRIYE GAHUNDA Y'ISHURI RY'UBUYOBOZI MU KAGARI (Page: 5)
- TUGANIRIRE MU MUDUGUDU: UMWIHARIKO W'AKARERE MU KURUSHAHO KWEGERA ABATURAGE (Page: 9)
- ABASENATERI BASUYE AKARERE BASUZUMA IMIKORERE YA ISANGE ONE STOP CENTRE (Page: 11)
- AKARERE KAKOZE UBUGENZUZI AHAKORERWA UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO (Page: 12)
- MUGOMERO: HABEREYE UMUHANGO WO GUSOZA URUGERERO RW'INKOMEZABIGWI ICYICIRO 13 (Page: 14)
- UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE INDAHIRO Z'ABANYAMAHANGA 5 BAHAWE UBWENEGIHUGU BW'U RWANDA (Page: 18)





Umuco mu mashuri



"Tuganirire mu Mudugudu"



5 bahawe ubwenegihugu

## NISR YAKOZE UBUGENZUZI KU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO Y'AKARERE 2025/2026

Kuva tariki 24 kugeza 26 Gashyantare, itsinda ryaturutse mu Kigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare riyobowe na bwana RUGAMBA Augustin, ryatangiye isuzuma ry'imihigo y'Akarere y'umwaka w'ingengo y'imari 2024/2025 iyi gahunda ikaba yaramaze iminsi 3.
Abagize itsinda bibanze ku gusuzuma imihigo mu nyandiko harebwa raporo z'ibikorwa bakabihuza n'intego kuri buri muhigo.

Mu minsi yakurikiyeho habayeho gusura imishinga mu Mirenge, iki gikorwa kikaba cyarafunguwe ku mugaragaro n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere, Visi Meya Ushinzwe Iterambere ry'ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel, abakuriye inzego z'umutekano mu Karere n'abakozi bakorera ku Karere n'abayobozi b'Imirenge.







## AKARERE KAKOZE UBUGENZUZI AHAKORERWA UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO



Tariki 19 Gashyantare, mu rwego rwo kugenzura niba ubucukuzi bukorerwa hirya no hino mu Karere bukorwa mu buryo bwemewe n'amategeko, abagize Task Force y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri iyobowe na Visi Meya Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel, ryasuye Umurenge wa Rukoma mu bugenzuzi bw'ubucukuzi n'ikemurwa ry'ibibazo ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro Mu Mirenge ya Mugina Akagari ka Nteko ahasuwe Rwanda Trinity Minerals icukura Amabuye y'Agaciro.





Mu Murenge wa wa Nyamiyaga hasuwe ahacuyeww kariyeri y'Amabuye yubakishwa.
Ibibazo birimo gukemurwa: kuba ahacukuwe kariyeri hatarasubiranyijwe, ahacukurwa amabuye y'agaciro hagaragara isuri basabwe kwita kugutwara ibiti.




# UMUGENZUZI MUKURU W'IMARI YA LETA YASHOJE UBUGENZUZI KU IKORESHWA RY'UMUTUNGO RY'UMWAKA WA 2024/2025

Tariki 17 Gashyantare, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, yayoboye inama isoza ubugenzuzi bwari bumaze ibyumweru 3 bukorwa, yari kumwe n'Umunyabamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Bushayija Fred, iyi gahunda yanitabiriwe n'intumwa ya Ministeri y'Imari n'igenamigambi.



Ni ubugenzuzi ku mikoreshereze y'imari n'imicungire y'umutungo mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024/2025, iri tsinda ry'abagenzuzi ryagaragaje uko basanze Akarere gahagaze hakurikijwe ibyagenzuwe haba mu nyandiko z'ikoreshwa ry'amafaranga, imicungire y'umutungo ndetse n'ibikorwa byasuwe uko bihagaze hirya no hino mu Mirenge.





## APNAC-RWANDA YAKOZE UBUKANGURAMBAGA MU RUBYIRUKO KU KURWANYA RUSWA



Tariki 27 Gashyantare ku Ruyenzi mu Murenge wa Runda habereye inama yateguwe n'Itsinda ry'abagize Inteko Ishinga Amategeko baharanira kurwanya ruswa (APNAC-RWANDA) mu rwego rw'ubukangurambaga bugamije kurwanya ruswa mu rubyiruko ruri mu makoperative. Ni igikorwa kigamije gutoza urubyiruko ruri mu makoperative kugira ngo bagire umuco wo kwanga ruswa no gushishikariza urubyiruko kwitabira ibikorwa byo gukumira no kurwanya ruswa himakazwa indangagaciro z'umuco nyarwanda.



Iyi gahunda yitabiriwe n'abagize inteko ishinga amategeko aribo Hon. SenateriGasana Alfred ari kumwe Hon. Député Tumukunde Aimé Marie Ange bakaba bakiriwe na Visi Meya Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee. Urubyiruko ruri mu makoperative rwasabwe kugira uruhare mu gukumira ruswa n'igisa nayo cyose, bityo baharanire imibereho myiza ishingiye ku gukumira ruswa.



## GACURABWENGE: HAKOZWE UBUKANGURAMBAGA KU BIKORWA BY'ISUKU N'ISUKURA



Tariki 15 Gashyantare ku biro by'Umurenge wa Gacurabwenge habereye inama ya komite y'isuku ku rwego rw'Umurenge yayobow e n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge Madame UMUGIRANEZA Marthe ikaba yanitabiriwe kandi n'Umuyobozi wa Polisi mu Murenge SP Jean D'amascene HABIYAKARE.Abitabiriye iyi nama y'ubukangurambaga biyemeje kugenzura ko Abacuruzi, ibigo, n'abandi hose hahurira abantu benshi ko,.. bose amabwiriza amanitse y'isuku.Amasoko adakorana na company itwara imyanda, ukwezi gutaha azatangira gukorana nayo, Ibigo byose by'amashuri bigomba gukorana na company itwara imyanda mu kwezi gutaha, mu Tugari bazakora inama banakore ubugenzuzi bwa komite y'isuku z'Utugari bitarenze icyumweru kimwe.



## NGAMBA: ACP DESIRE TWIZERE YITABIRIYE GAHUNDA Y'ISHURI RY'UBUYOBOZI MU KAGARI



Tariki 24 Gashyantare mu Kagari ka Kazirabonde Umurenge wa Ngamba hatangirijwe ku rwego rw'Akarere gahunda y'Ishuri ry'Ubuyobozi mu Kagari.



Ni gahunda igamije kurushaho kunoza ubufatanye bw'abayobozi mu nzego z'ibanze (Umurenge, Akagari, Umudugudu), kugira ngo gushyira mu bikorwa gahunda za Leta no gufasha umuturage mu nzira y'imibereho myiza, umutekano n'iterambere bigerweho kandi inzego zose z'ubuyobozi zibe zifite imyumvire imwe kugira ngo zigerweho. Iyi gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Ntara y'Amajyepfo ACP Desire TWIZERE, ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, abakuriye inzego z'umutekano mu Karere Police, Ingabo, NISS na DASSO.



Abitabiriye ibiganiro by'ishuri mu Kagari ni abagize komite nyobozi z'Imidugudu mu Tugari twa Kazirabonde na Marembo, abajyanama b'imibereho myiza (parasocial workers), abashinzwe umutekano mu Mirenge.



# KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA MURI NJYANAMA YITABIRIYE ISOZWA AMARUSHANWA UMURENGE KAGAME CUP 2026

Kuri stade ya Ruyenzi mu Murenge wa Runda tariki 20 Gashyantare habereye imikino ya nyuma mu marushanwa Umurenge Kagame Cup y'uyu mwaka wa 2026. Ni amarushanwa ngarukamwaka agamije kwimakaza imiyoborere myiza no gufasha abafite impano mu mikino kuzigaragaza.
Mu bagore Ikipe y'abakobwa y'Umurenge wa Nyamiyaga yegukanye igikombe itsinze 1 kuri 0 y'iki ya Mugina.

Mu bagabo, ikipe y'abagabo y'Umurenge wa Rukoma watsinze ibitego 4 kuri 1 cy'ikipe y'Umurenge wa Karama.
Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere hamwe na Perezida wa komisiyo y'imiyoborere myiza mu nama Njyanama bwana Gahamanyi David, bashimiye amakipe yabashije kwegukana igikombe ariko ashimangira ko aya marushanwa icyo agamije ari ugushimangira imiyoborere myiza no guha umwanya abafite impano ngo bigaragaze.

Imirenge yitwaye neza muri aya marushanwa yashyikirijwe ibikombe cy'ikimenyetso cy'ubudashyikirwa giherekejwe na sheki y'amafaranga mu rwego rwo kuzirikana akamaro k'aya makipi mu iterambere rya siporo mu Karere. Imirenge kandi yose yashyikirijwe ibyemezo by'ishimwe kuko yateguye neza ikanayobora imigendekere myiza y'aya marushanwa kandi ikitabirwa neza.













## RSSB, TV10, POLICE N'AKARERE BAFATANYIJE MU BUKANGURAMBAGA KURI GAHUNDA YA EJO HEZA NA GERAYO AMAHORO

Tariki 20 Gashyantare muri gare ya Bishenyi Umurenge wa Runda habereye ubukangurambaga bwateguwe ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB), Polisi y'Igihugu, Ubuyobozi bw'Akarere na Radio & TV10.




Ni gahunda yari yatumiwemo by'umwihariko abatwara abagenzi kuri moto, hagamijwe kubashishikariza kwirinda impanuka zo mu muhanda n'andi makosa y'imyitwarire, ibi kandi bakabihuza no Kwizigamira muri Ejo Heza ku ni gahunda nziza izabafasha mu gihe bazaba bageze mu zabukuru.



Iyi gahunda yitabiriwe ku ruhande rwa RSSB na bwana KAYUMBUA Bernard, Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere, Visi Meya Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, Umuyobozi wa Polisi mu Karere SSP FURAHA Fulgence, abanyamakuru ba RADIO & TV10.









## NYARUBAKA: HATANGIJWE IGIHEMBWE CY'IHINGA 2026B



Hirya no hino mu Mirenge kuwa 23 Gashyantare, abaturage n'ubuyobozi bazindukiye mu gikorwa cy'ihinga ry'igihembwe cya B umwaka wa 2026. Gutangiza iki gihembwe cy'ihinga byaranzwe mu Mirenge yose no gutera ibihingwa byatoranye mu byanya bigega (FoBaSi), aho bibanze ku gihingwa cya soya, ibigori ndetse n'ibishyimbo.

Ku rwego rw'Akarere iyi gahunda yaranzwe no gutera ibigori kuri site ya FOBASI ya Ngarama mu Murenge wa Nyarubaka, Akagari ka Ruyanza igikorwa. Igihembwe cyatangijwe n'umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, Visi Meya ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, abakuriye inzego z'umutekano ku Karere, abafatanyabikorwa mu by'ubuhinzi n'abatuye Umurenge wa Nyarubaka Akagari ka Ruyanza.



# TUGANIRIRE MU MUDUGUDU: UMWIHARIKO W'AKARERE MU KURUSHAHO KWEGERA ABATURAGE

Tariki 19 Gashyantare 2026, mu Mudugudu wa Nyagasozi Akagari ka Gihinga Umurenge wa Gacurabwenge niho Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere yatangirije gahunda ya "TUGANIRIRE MU MUDUGUDU ".



Ni gahunda yihariye y'Akarere izajya ikorwa ku bufatanye n'inzego zose, igamije kurushaho kwegera abaturage no kumva ibibazo n'ibitekerezo byabo bitabaye ngombwa ko bahagarika imirimo yabo aho batuye cyangwa aho bakorera .



Ubuyobozi buzajya bufata akanya ko kuganira nabo kandi akazi kagakomeza.
Uyu munsi ubwo hatangizwaga igikorwa, hasuwe abaturage barimo bubaka ubwanikiro bw'ibigori bwunganira ubwari buhasanzwe mu Kagari ka Gihinga Umudugudu wa Nyagasozi, hasuwe kandi abacururiza mu isoko ry'imboga n'imbuto rya Mushimba.








## MINUBUMWE YAKOZE UBUGENZUZI KU BIKORWA BY'URUGERERO RW'INKOMEZABIGWI13

Itsinda ry'intumwa zaturutse muri MINUBUMWE riyobowe na Gasana Pascal, kuwa 18 Gashyantare ryagiriye uruzinduko mu Karere rugamije kugenzura ibyakozwe mu rugerero rw'Inkomezabigwi icyiciro cya 13.





Abagize iri tsinda bakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere b agirana ikiganiro n'ubuyobozi bw'Akarere aho basobanuriwe uko urugerero rwagenze, ubumenyi intore zungutse burimo kwiga imyuga n'ubumenyingiro, by'umwihariko izi ntore zikaba zarubatse ibyumba 4 by'amashuri bikazakira abana b'incuke .

Abagize itsinda basuye urubyiruko rurangije Urugerero bize imyuga yo gukora ibikomoka ku ifarini, kudoda, kwiga amategeko y'umuhanda, ubwubatsi, ubukanishi, gusuka no gutunganya imisatsi.



Basuye kandi ibyumba 4 by'amashuri byubatswe ku Mugomera mu rwego rwo kugabanya ubucucike, iki gikorwa cy'ubwubatsi kikaba ariko gihagarariye ibindi byakozwe n'uru rubyiruko ruri ku rugerero.





## ABASENATERI BASUYE AKARERE BASUZUMA IMIKORERE YA ISANGE ONE STOP CENTRE




Tariki 17 Ugushyingo ku munsi wa mbere w'uruzinduko rwabo mu Karere, itsinda ry'abasenateri bagize komisiyo ya Politiki n'imiyoborere muri sena y'u Rwanda riyobowe na Ho. Senateri GASANA Alfred ari kumwe na Hon. Senateri Bideri John Bonds, uyu munsi ryasuye Akarere mu kugenzura ibikorwa bya serivisi z'ubufasha.




Gahunda yibanze ku kureba imikorere ya Isange One Stop Centre ku Bitaro bya Remera Rukoma bakaba beretswe imikorere yayo ndetse berekwa na bimwe mu bibazo bahura nabyo.
Bagiranye kandi ibiganiro na bamwe mu bahagarariye abaturage kuri gahunda z'ubufasha mu by'amategeko, muri iki gikorwa bari bari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere.



# MUGOMERO: HABEREYE UMUHANGO WO GUSOZA URUGERERO RW’INKOMEZABIGWI ICYICIRO 13

Ku Mugomero mu Murenge wa Rugalika tariki 16 Gashyantare niho hashorejwe ku mugaragaro ku rwego rw'Akarere ibikorwa byari bimaze ukwezi, by’Urugerero rw’Inkomezabigwi. Ni gahunda yaranzwe no gutaha ku mugagaro ibyumba by’amashuri 4 bizakira abanyeshuri bo muri aka gace, mu rwego rwo kubaganya ubucucike mu mashuri no gufasha abana kwiga hafi.





Iki gikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere, Visi Meya Ushinzwe Imibereho Myiza, abagize inama y'umutekano itaguye, abafatanyabikorwa bagize uruhare mu kwigisha imyuga Intore zari ziri ku Rugerero, Intore zari ku Rugerero z'umurenge wa Rugalika, Runda na Gacurabwenge.




Muri ibi birori Intore zitabiriye zahawe ubutumwa buzishishikariza gukomeza kuzirikana no kubyaza amahirwe ubuyobozi bw'Igihugu bugenera urubyiruko hamwe
Abagize Uruhare bose mu mitegurire n’imigendekere myiza y’Urugerero bashyikirijwe ibyemezo by’ishimwe.



# UBUYOBOZI BWASUYE IBIGO BY'AMASHURI HAREBWA IMYIGIRE, IMYIGISHIRIZE , ISUKU N'IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO



Tariki 13 Gashyantare, Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere ari kumwe n' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gacurabwenge Madame UMUGIRANEZA Marthe basuye ibigo by'amashuri bya EP GIHINGA na GS KAMONYI byo mu Murenge wa Gacurabwenge.
Gahunda yibanze ku kugenzura gahunda ya Furesheri ku ishuri igamije kwimakaza isuku n'isukura mu bigo by'amashuri, imyigire n'imyigishirize, imicungire ya stock y'ibiribwa, isuku mu gikoni .Hatanzwe inama zo gukosora ibitanoze, hagamijwe ireme ry'uburezi, isuku hose mu mashuri haba ku banyeshuri, aho bigira ndetse n'ahategurirwa amafunguro yabo.




## ABAHINZI BASABWE KURUSHAHO KUGIRA UBUNYAMWUGA



Tariki 13 Gashyantare itsinda riyobowe na Visi Meya Ushinzwe iterambere ry'ubukungu bwana Niyongira Uzziel, ryasuye ibikorwa by'amakoperative akorera mu byanya bigega (FoBaSi) bya Kayumbu muri Musambira Kibuza , muri Gacurabwenge no mu gishanga cyaMpombori muri Nyarubaka mu rwego rwo kureba imyiteguro y'isarura ry'ibigori n'igihembwe cy'ihinga 2026 B.

Mu gishanga cya Kayumbu, abahinzi bakanguriwe kandi berekerwa uburyo bunoze bwo gutegura ubutaka mu buryo bubusigasira, ari nako bijyana no kugabanya amababi ku bigori, ndetse no kwegereza ifumbire mborera imirima igahita itwikirwa, hitegurwa gutera soya mu gihembwe cy'ihinga 2026B.

Mu gishanga cya Kibuza, abahinzi basabwe gukora amasuku ku mirima hagati y'umurima n'undi, gutera imiti y'intoryi, batera imiti y'ubukonje mu buhumbiko. Mu butumwa bwe uyu muyobozi yasabye abahinzi kurushaho gukora kinyamwuga bakirinda gukorera mu kajagari bityo koperative ikaba koko inzira y'iterambere n'imibereho myiza yabo.



## HABAYE INAMA KU GUSHISHIKARIZA IBIGO BY'AMASHURI KUGURA UMUSARURO W'ABAHINZI

Tariki 12 Gashyantare, ku biro by'Akarere habereye inama yateguwe ku bufatanye bwa Minisiteri y'ubucuruzi n'inganda hamwe n'ubuyobozi bw'Akarere, ku gushishikariza ibigo by'amashuri kugura umusaruro w'abahinzi mu Karere imbere bitabaye ngombwa ko bajya hanze y'Akarere kuko aribyo bihenze. Ibiganiro byayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere afatanyije n'itsinda ryaturutse muri Minisiteri riyobowe na Madame Mukaniyonzima Dative.





Hari hatumiwe abahinzi n'aborozi 25 bari mu makoperative bahagarariye abandi, abayobozi b'Inganda zitunganya umusaruro w'ubuhinzi, abayobozi b'Ibigo by'Amashuri bahagarariye abandi muri buri Murenge.
Abitabiriye inama biyemeje kubyutsa ubufatanye kugira ngo ibigo by'amashuri bigurire hafi ibyo bakeneye muri gahunda ya "school Feeding" bityo abana babone ibiryo byiza kandi byujuje intungamubiri.





# UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE INDAHIRO Z'ABANYAMAHANGA 5 BAHAWE UBWENEGIHUGU BW'U RWANDA



Mu gitondo cyo kuwa gatandatu tariki 07 Gashyantare, Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi Dr. NAHAYO Sylvere yayoboye umuhango wo kwakira indahiro y'abanyamahanga 5 barimo: abakomoka mu gihugu cy'u Burundi 2, hari uwo muri Uganda 1, Umufaransa 1, n'Umubirigi 1.



Uyu muhango kandi witabiriwe na Bwana Rusanganwa Jean Damascene ushizwe serivisi zihabwa abenegihugu mu Rwego rw'Igihugo rw'Abinjira n'Abasoka hari kandi abo mu miryango ndetse n'inshuti z'abahawe ubwenegihugu.



Umuyobozi w'Akarere yasabye aba banyarwanda bashya kwitabira gahunda za Leta bityo bagatanga umusanzu mu mibereho myiza n'iterambere ry'gihugu.



## INTARA YAKOZE UBUGENZUZI KU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO Y'AKARERE

Tariki 10 Gashyantare, Intara yakoze igenzura ry'ibimaze kugerwaho mu mihigo y'Akarere ka Kamonyi y'uyu mwaka w'Ingengo y'Imari wa 2025/2026. Itsinda ryari riyobowe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice hamwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara bwana Nshimiyimana Vedaste, hari kandi abagize inama y'umutekano itaguye y'Intara hamwe n'abakozi b'Intara.








Gahunda yaranzwe no kugenzura raporo z'ibikorwa biri mu mihigo, nyuma habayeho gukora amatsinda atatu ahuriweho n'Intara n'Akarere, hasurwe imwe mu mishinga iri mu mihigo harebwa uko ihagaze, nyuma habaye inama Intara igaragaza uko yasanze imihigo ihagaze haba mu nyandiko ndetse n'ibikorwa mu Mirenge . Ubuyobozi bw'Intara bwatanze inama ziganisha ku gufasha Akarere kugera ku ntego







## RUKOMA HIZIHIRIJWE UMUNSI MUKURU W'INTWARI Z'U RWANDA

Kimwe n'ahandi mu Gihugu, tariki ya 01 Gashyantare hirya no hino mu Mirenge habereye ibirori byo kwizihiza ku nshuro ya 32, Umunsi Mukuru w'Intwari z'Igihugu. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti"Ubutwari n'Ubumwe bw'Abanyarwanda, inkingi z'iterambere".

Ku rwego rw'Akarere ibirori byabereye mu Kagari ka Gishyeshye Umurenge wa Rukoma. Gahunda yabanjirijwe no gutaha ku mugaragaro Ikiraro cya Matengu gihuza Imirenge ya Rukoma na Karama, n'igice cy'iki kiraro gihuza Imirenge ya Karama na Kayenzi, uyu ukaba ari umusaruro w'ibikorwa by'ubutwari no guharanira iterambere ry'igihugu. Iyi gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, Visi Meya Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee, DM bwana Ndahimana Longin, abakuriye inzego z'umutekano mu Karere (Police, Reserve Force, NISS, DASSO) n'abafatanyabikorwa banyuranye.



🔹Muri rusange ibirori by'intwari hirya no hino mu Mirenge igize Akarere byaranzwe ni ibi bikurikira:
- Gutaha ibikorwa byagezweho dukesha umusaruro w'imiyoborere myiza no guharanira iterambere ,
- Imbyino zirata intwari z'u Rwanda
 * Ikiganiro cy'ubutwari*
- Kugabura indyo yuzuye
- Kumurika ibikorwa by'ubutwari mu mutekano
- Gushimira abaturage bagaragaje ubutwari mu bikorwa bitandukanye
- Ubusabane








# KAYENZI: HAKOZWE UMUGANDA WO GUTUNGA UMUHANDA KAYENZI-MATENGU





Kuwa 28 Gashyantare, kimwe n'ahandi mu gihugu mu Kagari ka Bugarama mu Murenge wa Kayenzi haberereye ku rwego rw'Akarere umuganda rusange usoza ukwezi kwa Gashyantare 2026, witabiriwe na  Guverineri w'Intara y'AMAJYEPFO  Madamu KAYITESI Alice wari kumwe n'ukuriye Ingabo mu Ntara y'Amajyepfo , uhagarariye Polisi mu Ntara, uhagarariye Ingabo n'izindi nzego z'umutekano.

Ni igikorwa kitabiriwe n'inzego z'umutekano , Abagize Komite nyobozi y'Akarere ka Kamonyi kitabiriwe n'abaturage bakabakaba ibihumbi 10 baturutse hirya no hino mu Tugari duturanye n'aha igikorwa cyabereye.  Batunganyije umuhanda REMERA - MATENGU ungana na 4.8km ibyakozwe bikaba bifite agaciro ka 12,280,000.
Mu butumwa bwatanzwe harimo gushishikariza abaturage gukora, kwirinda inzoga zitemewe, gahunda yo kugaburira abana ku ishuri, isuku no kumenyekanisha umuntu witabye Imana bigakorwa n'Umudugudu. Umuganda wagenze neza.







## MU ISHURI ESB KAMONYI HIZIHIRIJWE UMUNSI W'UMUCO MU MASHURI

Tariki 26 Gashyantare muri ESB Kamonyi hijihirijwe ku nshuro ya 2 mu rwego rwa Diocese Gaturikaya Kabgayi umunsi w'umuco mu mashuri .




Ni ibirori byitabiriwe na Nyir'icyubahiro Musenyeri NTIVUGURUZWA Barthazar Umushumba wa Diocese ya Kabgayi, Dr. NAHAYO Sylvere Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi akaba yari anahagarariye Guvereneri w'Intara y'Amajyepfo muri ibi birori, bwana HABARUREMA Valens Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango.



Hari kandi Abahagarariye inzego z'umutekano, bamwe mu basaseridoti bo muri Diocese ya Kabgayi, Umuhuzabikorwa w'uburezi mu Ntara y'Amajyepfo, uhagarariye inteko y'umuco, abayobozi b'amashuri n'abanyeshuri baturutse mu bigo bigera kuri 30, baje kumurika ibihangano bishimangira umuco Nyarwanda, ari nabyo byaranze uyu munsi wahariwe umuco wacu





**NewsLetter yatunganyijwe na:**

**Faustin NTAKIRUTIMANA (PRO)**